REPUBLIC OF RWANDA

Kurivuga inshuro 1 ku munsi, mu minsi icumi (10)

Higher Education Council (HEC)

P.O. BOX 6311

ITANGAZO RIREBA ABIFUZA GUSABA INGUZANYO YO KWIGA MURI KAMINUZA Y'URWANDA (UNIVERSITY OF RWANDA) NO MU ISHURI RIKURU RYIGISHA UBUMENYINGIRO N'IKORANABUHANGA (RWANDA POLYTECHNIC), MU MWAKA W' AMASHURI 2018 - 2019

Ubuyobozi bw' Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (Higher Education Council) buramenyesha abanyeshuri barangije umwaka wa 6 w'Amashuri yisumbuye, bitegura gutangira umwaka wa mbere muri Kaminuza y'Urwanda (University of Rwanda) no mu ishuri Rikuru ryigisha Ubumenyingiro n'Ikoranabuhanga (Rwanda Polytechnic – muri IPRCs), ko:

1. Gusaba inguzanyo bizakorwa guhera tariki ya 24/04/2018 kugeza ku ya 29/06/2018. Nta nyandiko isaba inguzanyo izakirwa nyuma y'iyi taliki.
2. Usaba inguzanyo agomba kuba yaramaze gusaba umwanya (Application for Admission) muri 'University of Rwanda' cyangwa muri 'Rwanda Polytechnic'.
3. Inyandiko isaba inguzanyo (Loan Application Form) iboneka ku rubuga rwa University of Rwanda (www.ur.ac.rw)' urwa Rwanda Polytechnic (www.rp.ac.rw); urwa Higher Education Council (www.hec.gov.rw); urwa Rwanda Education Board (www.reb.rw); urwa Worforce Development Authority (www.wda.gov.rw); n'urwa Minisiteri y'Uburezi (www.mineduc.gov.rw).
4. Inyandiko isaba inguzanyo yuzuzwa n'umunyeshuri ikemezwa n'ubuyobozi mu nzego z'ibanze (Umurenge n'Akarere), umunyeshuri abarizwamo.
5. Usaba inguzanyo agomba gutanga inyandiko isaba inguzanyo (Loan Application Form) yujujwe nkuko bisabwa, kandi iherekejwe n'ibi bikurikira: (a) Kopi y'indangamuntu, (b) Amanota yo mu mwaka wa 6; (c) Icyemezo cy'amavuko. Ibi bigatangwa mu biro bishinzwe Uburezi ku Karere.
6. **Inyandiko isaba inguzanyo itujuje neza, cyangwa ibura kimwe mu bivuzwe haruguru ntizakirwa.**
7. **Ku bijyanye n'ikiciro cy'Ubudehe**: Usaba inguzanyo agomba gushyira inyandiko isaba inguzanyo ku Karere yamaze kwerekwa ikiciro cy'ubudehe arimo. Uzaba yifuza kujuririra ikiciro cy'ubudehe, asabwa kuzabikorera ku Karere mbere yuko atanga inyandiko isaba inguzanyo ku Karere.

Bikorewe i Kigali kuwa 24/04/2018

Dr. MUVUNYI Emmanuel
Umuyobozi Mukuru